# NYARUGURU DISTRICT
# INDASHYIKIRWA NEWSLETTER

## Bimwe mu bikorwa byakozwe mu Kwezi kwa Mutarama 2025



## ABASENATERI BASHIMYE SERIVISI Z'UBUZIMA BASABA KO ZAKOMEZA KWITABWAHO

**Mu ruzinduko rw'iminsi 2 Visi Perezida wa Sen ari kumwe na bagenzi be yagiriye mu Karere ka Nyaruguru bashimye imikorere ya serivisi z'ubuzima zitangwa na Health Posts basaba ko hashyirwa imbaraga mu bitaragerwaho.**



Ni uruzinduko rwakozwe kuwa 21 Mutarama 2025 aho Visi Perezida wa Sena Hon Nyirahabimana Soline ari kumwe na Hon. Ngarambe Telesphore; Hon.Uwimbabazi Peninah n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu Bwana Gashema Janvier bakoranye inama n'Umuyobozi Mukuru w'Ibitaro bya Munini, Umuyobozi w'Ishami ry'ubuzima mu Karere,Umuyobozi wa wa RSSB mu Karere , Umuyobozi wa Rwanda Medical Supply Abayobozi b'Ibigo Nderabuzima, Abayobozi b'amavuriro y'Ibanze, Abakozi bakurikirana ibikorwa by'Abajyanama b'ubuzima haganirwa ku mikorere y'inteko Ishingamategeko y'u Rwanda n'impamvu y'uruzinduko rw'aba basenateri mu gukurikirana mikorere n'imikoranire y'inzego z'ubuzima mu Karere, imikorere y'amavuriro y'ibanze yashyizweho na Leta mu rwego rwo kwegereza abaturage serivisi z'ubuvuzi bw'ibanze muri buri kagari n'ubwo hose atarahagera. Haganiriwe ku mikorere y'amavuriro y'ibanze,abakozi mu nzego z'ubuzima ndetse n'imbogamizi zikigaragara kugira ngo zikorerwe ubuvugi.

Bimwe mu byo abasenateri bashimye bashimye ko amavuriro y'imanze amaze kugera henshi mu karere ka Nyaruguru mu rwego rwo kwegereza abaturage serivisi basaba ko ibireba inzego z'ubuvuzi ku rwego rw'Akarere byakomeza kwitabwaho ariko banemerera abaturage n'abayobozi ko ibirenze ubushobozi bwabo ko bizakorerwa ubuvugizi mu nzego nkuru z'igihugu kugira ngo nazo zibishakire ibisubizo bikwiye.








Muri uru ruzinduko,Abasenateri basuye Ivuriro ry'Ibanze ryo ku rwego rwa kabiri rya Mishungero mu Murenge wa Nyabimata ritanga serivisi zihabwa ababyeyi, serivisi z'amaso, amenyo, gupima ibizamini, kubonezaurubyaro, komora ibikomere,.... Baganira n'ubuyobzi bw'ivuriro abasenateri bagaragarijwe ko hari ikibazo cy'abaganga bake bavura amenyo n'amaso ku buryo batabonekera basaba ko hafatwa ingamba

# TURASABWA GUKOMEZA GUSIGASIRA UBUMWE BW'ABANYARWANDA




Abayobozi barsasabwa gukangurira abaturage gukomeza gusigasira ubumwe bw'Abanyarwanda.

Ibi byagarutsweho ubwo Minisitiri muri Minisiteri y' Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr. Bizimana Jean Damascene ari kumwe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Madame Kayitesi Alice, Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru Dr Murwanashyaka Emmanuel, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu Bwana Gashema Janvier, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'abaturage Madamu Byukusenge Assumpta Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere Madame Ingabire Veneranda n'abandi bajyanama, Umuyobozi w'Ingabo Bgde 301 Brig.Gen.Theodomir Bahizi, Umuyobozi wa Polisi ku rwego rw'Intara, Umuyobozi wa RIB mu Ntara bakoranye inama n'ayobozi hafi 700 bahagarariye abandi kuva ku rwego rw'umudugudu kugeza ku Karere.





Muri iyi nama,haganiriwe ku bumwe n'ubudaheranwa n'ibyavuye mu bukangurambaga kuri gahunda z'ubumwe n'ubudaheranwa mu Karere ka Nyaruguru hagamijwe kureba ibikibubangamiye kugira ngo bishakirwe ibisubizo. Muri iyi nama, Minisitiri Dr Bizimana Jean Damascene yavuye imuzingo inkomoko y'amacakubiri mu Rwanda uhereye mu gihe cy'ubukoroni n'uko yagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Abitabiriye iyi nama nyunguranabitekerezo basabwe kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa, kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside, gukomeza kwigisha amateka y'ukuri kuri Jenoside yakorewe Abatutsi abakiri bato , kwimakaza gahunda ya Ndi Umunyarwanda no gusigasira ibyo Leta y'ubumwe bw'Abanyarwanda imaze kugeza ku baturage b'Akarere ka Nyaruguru.



Abayobozi bahagarariye abandi basabwe gukomeza gushyira imbaraga mu mikorere y'amahuriro y'ubumwe n'ubudaheranwa ku rwego rw'Utugari n'imidugudu ndetse n'isibo kuko ari zo nzego zegereye abaturage.

Muri iyi nama hagawe mu ruhame abateguye bakanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi. Urubyiruko rwasabwe kwima amatwi abagishaka gukwirakwiza amacakubiri ashingiye ku moko ahubwo rukagira uruhare mu kunyomoza amakuru abiba urwango hifashijwe ikoranabuhanga.

Kugirango ubudaheranwa bw'Abanyarwanda bugerweho, abayobozi basabwe gukomeza gukangurira abaturage kubyaza umusaruro amahirwe Leta itanga hagamijwe iterambere ry'ubukungu , imibere n'imiyiborere myiza .



# HAFI MILIYARI 5 AGIYE GUSHORWA MU KUBUNGABUNGA ICYOGOGO CY'AKANYARU



Mu bikorwa byo kubungabunga icyogogo cy'Akanyaru bizatwara agera hafi kuri miliyari 5 bizafasha mu gutanga akazi ku baturage benshi ndetse hanakorwe amaterasi , gutera imigano ku nkengero z'imigezi mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije.



Ibi byagarutsweho kuwa 29 Mutarama 2025 aho Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru Dr Murwanashyaka Emmanuel ari kumwe n'itsinda ry'abakozi bakorera ku rwego rw'Akarere bakiriye Itsinda ry'abakozi ba FONERWA (Rwanda Green Fund) bari kumwe n'inzobere zizafasha mu gukurikirana umushinga Akanyaru Subcatchment rehabilitation uzakorwa mu gihe cy'imyaka 4 ukazatwara asaga Miliyari 4.7 .Bimwe mu bikorwa bizakorwa harimo gukora amaterasi, kubungabunga umugezi w'Agatobwe haterwa imigano, koroza abaturage amatungo magufi, kuvugurura ubuhinzi bwa kawa n'urutoki, gutera ibiti bivangwa n'imyaka ndetse ukazanatanga akazi ku baturage basaga 15000 bo mu mirenge ya Rusenge, Ngoma na Ngera).



Muri iyi nama, umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru Dr. Murwanashyaka Emmanuel yashimiye Rwanda Green Fund ( FONERWA ) kubera ubufatanye bafitanye n'Akarere ka Nyaruguru dore ko ibikorwa byishi bizakorwa bitazanga akazi ku baturage basaga ibihumbi 15000 bo mu mirenge ya Rusenge, Ngera na Ngoma.





# ABANYAMABANGA BASABWE GUKOMEZA UBUKANGURANBAGA MU KURWANYA IMIRIRE MIBI



Mu nama yahuje Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'Abaturage n'Abanyambanga Nshingwabikorwa b'imirenge haganirwa ku bipimo by'ubuzima mu karere, yabasabye gukomeza gukangurira abaturage kwimakaza imirire inoze no kurwanya igwingira mu bana bato.

Ibi byagarutsweho kuwa 03/01/2025 mu nama yahuje uyu muyobozi n'Abanyamabanga Nshingwbikorwa b'Imirenge, Abayobozi b'ibigo nderabuzima,Abakozi bashinzwe gucunga amakuru ajyanye n'ubuzima n'abakozi bashinzwe imibereho myiza mu mirenge.



Mu butumwa uyu muyobozi yatanze muri iyi nama yasabye abayobozi gukomeza gukangurira abanyeyi kwita ku mirire inoze cyane cyane ababyeyi batwite n'abana bari munsi y'imyaka itanu mu rwego rwo kubarinda igwingira n'imirire mibi .

Yakomeje asaba kandi ko abakozi bacunga amakuru y'ubuzima ku bigo nderabuzma bakwiriye kuyandika neza no kuyacunga uko bikwiye kugira ngo inzego za Leta zibashe gufata amakuru nyakuri mu gihe hakumurwa ibibazo by'ubuzima

# AMARUSHANWA " UMURENGE WA KAGAME CUP YITEZWEHO KUZAMURA IMPANO Z'ABATURAGE








Ubwo yatangizaga amarushanwa umurenge Kagame Cup, kuwa 10Mutarama 2025 ,Guverineri Kayitesi yavuze yitezweho kuzamura impano z'abaturage abasaba kuyitabira ari benshi.

Aya marushanwa yatangirijwe ku Kibuga cy'umupira w'amaguru cyo ku Rukugutu mu Murenge wa Cyahinda hatangirijwe ku mugaragaro Amarushanwa Umurenge Kagame Cup 2024/2025.

Ni Amarushanwa yitiriwe Umukuru w'Igihugu Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame kubera imiyoborere myiza idaheza akaba agamije gukomeza gufasha abaturage kwidagadura, kugaragaza impano bifitemo,ni n'umuyoboro kandi wo gukoreramo ubukangurambaga kuri gahunda za Leta y'ubumwe bw'Abanyarwanda zigamije iterambere ry'ubukungu n'imibereho n'imiyoborere myiza. Aya marushanwa yatangijwe ku mugaragaro na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Madame Kayitesi Alice ari kumwe n'Abagize Komite Nyobozi y'Akarere ka Nyaruguru, Abajyanama mu Nama Njyanama y'Akarere, Umuyobozi w'Ingabo mu Karere Brig General T. Bahizi, Umuyobozi wa Polisi mu Karere, Umuyobozi wa RIB mu Karere, Abafatanyabikorwa b'Akarere, Amakoperative akorera mu karere.

Muri aya marushanwa abaturage bishimiye imbuto z'imiyoborere myiza irangajwe imbere na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame zirimo imihanda ya Kaburimbo, amaterasi, uburezi budaheza, ibishanga bitunganije,..imbaga y'abaturage yitabiriye aya marushanwa yakanguriwe gukunda umurimo, kwirinda amakimbirane, kwirinda ibiyobyabwenge, kwirinda inda ziterwa abangavu,...

# ABADEPITE BASABYE ABATURAGE KWIMAKAZA UBUMWE N'UBUDAHERANWA








Mu ruzinduko rwo kuwa 27 Mutarama 2025 Abagize Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite bagiriye mu Karere ka Nyaruguru , basabye abaturage kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa no kubyaza umusaruro amahirwe Leta y'u Rwanda itanga kugira ngo biteze imbere.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'abaturage Madamu Byukusenge Assumpta ari kumwe n' itsinda ry' Abadepite rigizwe na Hon. Depite Kalinijabo Baltheremy Hon Depite Ingabire Aline Ndutiye na Hon Depite Uwubutatu Marie Therese ,Umuyobozi w'Ishami ry'imiyoborere myiza bakiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'umurenge wa Cyahinda hagamijwe gukurikirana uko gahunda za Leta zigenerwa abaturage zishyirwa mu bikorwa.

Muri uru ruzinduko hasuwe Umurenge SACCOS Amizero, Abaturage bahawe inguzanyo muri gahunda ya VUP, urubyiruko rworora inkoko hagamijwe kwiteza imbere no kurwanya imirire mibi,....

Nyuma yo gusura ibikorwa bitandukanye,Abadepite bari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'abaturage bakoranye inama n'abaturage n'Umuyobozi wa Polisi mu Karere n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'umurenge wa Cyahinda bakoranye ibiganiro n'abaturage banakira ibibazo babagejejeho.

Binyuze mu biganiro muri iyi nteko y'abaturage Abadepite baganirije abaturage ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi babakangurira kwirinda amacakubiri, kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda,kwita ku burere bw'Abagize Umuryango,kwirinda ibiyobyabwenge, gukunda umurimo no kubyaza umusaruro, kwirinda ibiyobyabwenge. Nyuma hakiriwe hanakemurwa ibibazo by'abaturage.



# ABABYEYI BARASABWA GUKOMEZA KURWANYA IMRIRE MIBI

Uyu munsi tariki 13/01/2025 Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza yatangije icyumweru cyahariwe ubuzima bw'umubyeyi gifite insangamatsiko igira iti :" Hehe n'igwingira." Icyi cyumweru cyatangirijwe mu murenge wa Ngoma.







Muri iki cyumweru hazakorwa ibikorwa bitandukanye birimo no gupima abana bari munsi y'imyaka ibiri harebwa uko bahagaze ku kibazo cy'imirire mibi n'igwingira

## GREEN HOUSE YA GIKUNZI IZAFASHA MU KWIHAZA KU MBOGA




Green house iri kubakwa mu Kagari ka Gikunzi mu murenge w Rusenge izafasha mu kwihaza ku mboga n'imbuto mu rwero rwo gufasha imiryango kubona indyo yuzuye hagamijwe kurwanya imirire mibi n'igwingira mu muryango cyane cyane mu bana bato.




Iyi Green house yubajwe kuva yatangiye kubakwa mu kwezi k'ukuboza 2024 yubatswe ku bufatanye bw'Akarere ka Nyaruguru, Urugaga Imbaraga iterwa inkunga na Plan International.ikaba yarubatswe ku buso bwa are 3.5. ikazafasha abahizi mu buhinzi bw'imbuto, inyanya imiteja n'imboga zisanzwe. Biteganijwe ko iyi green house izuzura itwaye amafaranga agera kuri miliyoni makumyabiri y'u Rwanda( frw 20,000,000)

## Andi makuru:

1.Toll free 4160

2.Email:info@nyaruguru.gov.rw 3.X:@NyaruguruDistr